

**Kinyarwanda**  
**ITANGAZO**

**IVURIRO REGENT STREET AFTERHOURS**

ITANGAZO KURI COVID-19

**Impinduka z'igihe gito ku mikorere isanzwe**

Guhera kuwa kane (4) tariki 19 werurwe 2020, ivuriro **Regent Street afterhours**, rizahindura uburyo ryakiragamo abarigana kugeza hatanzwe irindi tangazo. Mu nyungu zo kurinda abatugana n'abakozi bacu, tuzajya dutanga ubufasha hakoreshejwe itumanaho rya telefoni.

Twitezeye ko byinshi mu bikenerwa n'abatugana bishobora kuboneka muri ubu buryo ariko tutirengagije ko atari buri wese mu batugana wafashwa nubu buryo, bamwe bazajya basabwa kuza ku ivuriro igihe bibaye ngombwa. Turasaba abatugana kujya bahamagara ku ivuriro bakoresheje nimeru (**458-0230**) guhera buri wambere kugera kuwa gatanu hagati ya saa munani na saa kumi n'imwe z'igicamunsi no muri wikendi kuva saa tatu kugera saa sita z'amanywa, bagasaba kuvugana na muganga. Turabamenyeshya ko umuganga azahamagara ababyifuza uko babisabye bakurikirana.

Umuganga azabasha kongerasha urupapuro rw'imiti, gusuzuma no gutanga urupapuro rushya rw'imiti, gusaba ikizamini cya x-rays n'ikizamini cy'amaraso, gutanga ibisobanuro, gutanga isuzuma ahandi batanga ubufasha bw'ubuganga, kwandika urupapuro rw'uburwayi n'ibindi...

Uburyo bw'ibanze bwo gukurikiza ni uguhamagara **458-0230 mugasiga ubutumwa bukubiyemo amazina yose, itariki y'amavuko, nimeru mwivurizaho(medicare), impamvu itumye muhamagara, no gusiga nimeru twabahamagara**. Umuganga azabahamagara kuva kuwa mbere kugera kuwa gatanu hagati ya saa kumi n'imwe n'igice na saa tatu za nimugoroba no mu minsi ya wikendi hagati ya saa sita n'igice kugera saa kumi z'igicamunsi. Turabasaba kuba mufite imiti hafi yanyu.

Mwihanganire impinduka kandi dufatanye twese muri ibi bihe.